URUGERO RWIZA

Ibyiringiro byakererewe Bizana umubabaro; ariko iyo inzozi zabaye ukuri, harangwa ubuzima ndetse n' umunezero.

IHAME RY' ICYUMWERU

Urugero rwiza ruva ku nzozi. Kubyara urugero rwiza rero, tugomba guhanga ahantu ho ubwenge bwacu bwarota kandi bugakora bwisanzuye. Tuyobora urugero rwiza dushyiraho imbibi zitubera umurongo wo guhanga udushya. Gutera umwete bivuga guhumuriza ubwenge na roho y' umuntu. Ibi kandi bigaragazwa n' ubushobozi hamwe n' inzozi bishobora kuba ukuri, bityo nabo bikabaha umwete wo gukurikira izo nzozi zabo. Iyo abantu bayobowe aho kwerekezwa, bazagira umwete imbaraga zibarimo maze ntibazakenera kuyoborwa n' amategeko yo hanze. Ibi bikaba intego cyangwa impamvu yo kubaho. Mu mirimo , ibigo ndetse n' imryango yacu, iyo duharuye inzira nziza muri wa murongo twashyizeho uyobora intego n' intumbero yacu, byombi bizatwungukira. Intego yo kuba akarorero ku bandi izahora ibafitiye inyungu ndetse natwe idufitiye inyungu, naho ubundi byaba bidakwiye kuko amaherezo byazatugaruka.

Ubwoba nabwo butanga imbaraga z' umwete. Turamutse tuyobora abantu dukoresha ubwoba gusa, twaba turi abayobozi babaswa. Abayobozi beza basobanukirwa akamaro ka mabwiriza kandi bagatinya ingaruka zayo, ariko kandi basobanukiwe neza ko amategeko ashobora gutera ubwigomeke. Niba hari amategeko gusa, bitinde cg bitebuke amaherezo hazaba imyivumbagatanyo. Iyo tudafite inzozi cyangwa ntitubone amahirwe, dutakaza ibyiringiro, tukagira uburakari maze tukumva dufite icyo tubuze, bityo ugasanga byabaye agahinda dore ko bitera bamwe kwiyahura. Buri gihe cyose hakiri ibyiringiro, turashobora (kandi benshi muri twe turazahagera) gusa komeza urugendo. Kuko ibyiringiro bizanwa no kubona ubushobozi, naho ubushobozi bukomoka ku bwenge burangwa n' udushya. Kugira ngo hakorwe umuryango uteye imbere, umurimo, cyangwa umuryango, aha rero tugomba guca inzira iha inzozi za buri wese, amahirwe n' ibyiringiro.

Twaremewe kugira ibitekerezo no guhanga udushya aho tutari, gusuzuma no gusesengura imikorere. Iyo abayobozi bagerageje kuniga udushya, bitinde bitebuke abantu bazasesengura ako karengane maze bahitemo kwigendera. Ntidushobora gutsikamira umuntu iteka. Abakominisite n' urugero rwiza twabigereranya. Imibereho yabo yari igamije guha abantu amahirwe amwe no kugira ibintu bingana. Bari bagamije guha umuntu ibyokurya, imyambaro n' icumbi, maze bakibwira ko bimushimisha. Ibi byumvikana nk' ubucurabwenge , ariko ntibikora kuko ntabwo twese twaremewe kumera kimwe. Twese twaremwe tungana, ariko umusaruro wacu uzaba utandukanye kuko buri umwe ashoboye gufata ibyemezo. Dufite impano zitandukanye , uburakari ndetse n' udushya . Bivuze ko bamwe bazagira umwete kurusha abandi, bityo hagaragare inzego zitandukanye ku myumvire n' amahirwe.

INYUNGU

1. Mu guteza imbere udushya, tuzamura ahantu hi cyitegererezo hafitiye buri wese inyungu.
2. Abantu batewe umwete bakunze kubona bafite ahazaza habo ari heza.
3. Tuzabona impano zitandukanye ziza zikatugeraho kandi zikadufasha.
4. Nta muntu uhora ameze kimwe. Iyo dushishikaje buri umwe kuzamura impano

Inzira ni mikorere y'
URUGERO RWIZA

afite nuko twese hamwe turazamuka tukagera aho tutari kuzagera.

5. Igitsure gike cg no kugenga abantu birakenewe iyo abantu bashaka kugera ku bafite intego zimwe.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Andika icyerekezo cyawe. Mu nyandiko yumvikana. Tondeka udutsiko dutandukanye ubona twakungukira ku nzozi zawe.
2. Sangira icyerekezo cyawe n' abandi. Zirikana ko buri wese muhuje umurimo cg ukorana n' ikigo cyawe asobanukiwe icyerekezo cyawe.
3. Iyemeze icyerekezo cyawe. Jyana inzozi zawe mu byo ukora nibyo ushaka kugeraho.
4. Tanga ishimwe. Abayobozi beza batanga agahimbazamuskyi kugira ngo bafashe abandi kugera ku nzozi zabo. Ibi bizatera abantu kugira umwete bityo kubayobora bigabanuke.
5. Biharanire. Abarwanyi ntibajya bamanika amaboko. Naho abamanika ntibajya batsinda.

Abayobozi bareba kure bakoresha agahimbazamuskyi kandi bakabiba inzozi imbaraga z' umwete kuva kw' icumi kugera kuri rimwe. Ubwoba bugomba kwitazwa ubuyobozi, ariko bikaza ku mwanya wa nyuma. Kwibanda ku gashimwe no kubiba inzozi bitanga imbaraga zidasanzwe mu muryango cg abakozi. Maze mu kukwitura bazizamura maze bikorohere kubayobora. Akazi gahinduka akabo kuko bakorera inyungu zabo dore ko biri mu cyerekezo kimwe.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba waratewe umwete n' ubwoba cyangwa inzozi?
2. Ese witwara ute imbere y'amabwiriza?
3. Waba warigeze kubura ibyiringiro? Sobanura uko wabyumvishe.

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			